



**Igazeti ya Leta ya
Repubulika y'u
Rwanda**

**Official Gazette
of the Republic
of Rwanda**

**Journal Officiel
de la République
du Rwanda**

Ibirimo/Summary/Sommaire

Page/Urup.

A. Amabwiriza/Instructions

N° 01/2010/ORG yo kuwa 12/04/ 2010

Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru yerekeye imiterere n'ibikubiye mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi.....3

N° 01/2010/ORG of 12/04/ 2010

Instructions of the Registrar General relating to the form and content of a prospectus.....3

N° 01/2010/ORG du 12/04/ 2010

Instructions du Registraire Général sur la forme et le contenu du prospectus.....3

B. Imiryango idaharanira inyungu/Nonprofit making associations/Associations sans but lucratif

N° 76/11 ryo kuwa 11/05/2009

Iteka rya Minisitiri ruha ubuzimagatozi « Association pour les Conseils en Développement » (A.C.D.) kandi ryemera Abavugizi bawo.....38

N° 76/11 of 11 11/05/2009

Ministerial Order granting legal status to the « Association pour les Conseils en Développement » (A.C.D.) and approving its Legal Representatives.....38

N° 76/11 du 11/05/2009

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l' « Association pour les Conseils en Développement » (A.C.D.) et portant agrément de ses Représentants Légaux.....38

N°57/08.11 ryo kuwa 22/06/2010

Iteka rya Minisitiri ryemera ihindurwa ry'amategeko agenga umuryango «HAGURUKA Association of Disabled Persons Fight Aids» (H.A.D.P.F.A)53

N°57/08.11 of 22/06/2010

Ministerial Order approving modifications made to the statutes of the association «HAGURUKA Association of Disabled Persons Fight Aids» (H.A.D.P.F.A)53

N°57/08.11 du 22/06/2010

Arrêté Ministériel portant approbation des modifications apportées aux statuts de l'association «Haguruka Association of Disabled Persons Fight Aids» (H.A.D.P.F.A)53

N°70/08.11 ryo kuwa 07/07/2010

Iteka rya Minisitiri ryemeza Abavugizi b'umuryango « Intumwa z'Urukundo».....74

N°70/08.11 of 07/07/2010

Ministerial Order approving the Legal Representatives of the association «the Missionaries of Charity»74

N°70/08.11 du 07/07/2010

Arrêté Ministériel portant agrément des Représentants Légaux de l'association «les Missionnaires de Charité».....74

N°72/08.11 ryo kuwa 07/07/2010

Iteka rya Minisitiri ryemeza Abavugizi b'Umuryango « Fédération des Associations des Parents Adventistes pour le Développement de l'Enseignement Supérieur» (**FAPADES**)....78

N°72/08.11 of 07/07/2010

Ministerial Order approving the Legal Representatives of the association « Fédération des Associations des Parents Adventistes pour le Développement de l'Enseignement Supérieur» (**FAPADES**).....78

N°72/08.11 du 07/07/2010

Arrêté Ministériel portant agrément des Représentants Légaux de l'Association « Fédération des Associations des Parents Adventistes pour le Développement de l'Enseignement Supérieur» (**FAPADES**)78

N°79/08.11 ryo kuwa 07/07/2010

Iteka rya Minisitiri ryemera ihindurwa ry'amategeko agenga umuryango «Association des Eglises de Pentecôte du Rwanda» (ADEPR) kandi ryemera Abavugizi bawo.....82

N°79/08.11 of 07/07/2010

Ministerial Order approving alterations made to the statutes of the «Association des Eglises de Pentecôte du Rwanda» (ADEPR) and approving its Legal Representatives.....82

N°79/08.11 du 07/07/2010

Arrêté Ministériel portant approbation des modifications apportées aux statuts de l'«Association des Eglises de Pentecôte du Rwanda» (ADEPR) et portant agrément de ses Représentants Légaux82

N°075/17 ryo kuwa 12/12/2002

Iteka rya Minisitiri ryemerera Umuvugizi w'umuryango “Itorero Pentecôte Assemblée au Rwanda” (E.P.A.R.) n'abasimbura be.....102

N°075/17 of 12/12/2002

Ministerial Order agreeing the Legal Representative of the association “Pentecostal Assemblies Church of Rwanda”(E.P.A.R.) and his deputies.....102

N°075/17 du 12/12/2002

Arrêté Ministériel portant agrément du Représentant Légal et des Représentants Légaux Suppléants de l'association “Eglise de Pentecôte Assemblée au Rwanda” (E.P.A.R.).....102

AMABWIRIZA Y'UMWANDITSI MUKURU N° 01/2010/ORG YO KUWA 12/04/ 2010 YEREKEYE IMITERERE N'IBIKUBIYE MU NYANDIKO IHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA IMIGABANE MU ISOSIYETE Y'UBUCURUZI	INSTRUCTIONS OF THE REGISTRAR GENERAL N° 01/2010/ORG OF 12/04/ 2010 RELATING TO THE FORM AND CONTENT OF A PROSPECTUS	INSTRUCTIONS DU REGISTRAIRE GENERAL N° 01/2010/ORG DU 12/04/ 2010 SUR LA FORME ET LE CONTENU DU PROSPECTUS
UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES
Ingingo ya mbere: Ikigamijwe	Article 1: Objective	Article 1: Objet
Ingingo ya 2: Igihe inyandiko imara ifite agaciro	Article 2: Validity Time	Article 2 : Période de validité
Ingingo ya 3: Itariki itangazo ritangiweho	Article 3: Date of Issue	Article 3: Date de l'émission
Ingingo ya 4: Ibisobanuro by'impine n'amagambo y'amuga	Article 4: Glossary of Defined Terms	Article 4 : Glossaire des définitions des termes
UMUTWE WA II: IMITERERE Y'INYANDIKO IHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA IMIGABANE MU ISOSIYETE Y'UBUCURUZI	CHAPTER II: FORM OF A PROSPECTUS	CHAPITRE II : FORMES D'UN PROSPECTUS
Ingingo ya 5: Imiterere	Article 5: Theme Fonts	Article 5: Police et taille de forme
Ingingo ya 6: Ururimi rwandikwamo Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi	Article 6: Language of the prospectus	Article 6: Langue du prospectus
Ingingo7: Gukoresha ibimenyetso	Article 7: Use of illustration	Article 7 : L'utilisation d'illustrations

UMUTWE WA III: IBIKUBIYE MU NYANDIKO IHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA IMIGABANE MU ISOSIYETE Y'UBUCURUZI

CHAPTER III: CONTAIN OF THE PROSPECTUS

CHAPITRE III: LE CONTENU DU PROSPECTUS

Ingingo ya 8: Urupapuro rw'igifuniko
Ingingo ya 9: Inyandiko zimenyekanisha uburyozwe
Ingingo ya 10: Umwirondoro wose w'abafashije isosiyete gutegura inyandiko
Ingingo ya 11: Incamake y'amakuru yerekeye isosiyete y'ubucuruzi
Ingingo ya 12: Incamake y'amakuru yerekeye imari
Ingingo ya 13: Ingengabihe
Ingingo ya 14: Ibisabwa ku migabane nguzanyo
Ingingo ya 15: Ibisobanuro bya ngombwa ku migabane nguzanyo
Ingingo ya 16: Gusesengura ibibazo
Ingingo ya 17: Amateka y'isosiyete y'ubucuruzi ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane
Ingingo ya 18: Amakuru yerekeye abanyamigabane, abagize inama y'ubutegetsu n'abandi bari mu buyobozi bw'isosiyete
Ingingo ya 19: Incamake ku makuru yerekeye isosiyete
Ingingo ya 20: Incamake y'amakuru yerekeye urwego rw'ibikorwa bya sosiyete
Ingingo ya 21: Gahunda z'igihe kizaza n'ibyoye isosiyete iteganya gukora
Ingingo ya 22: Igikorwa cy'ubucuruzi

Article 8: Cover page
Article 9: Responsibility Statements
Article 10: Issuer's Company Directory
Article 11: Summary of Company Information
Article 12: Summary of Financial Information
Article 13: Indicative Timetable
Article 14: Terms and Conditions of the Debentures
Article 15: Information on debentures
Article 16: Risk Analysis
Article 17: History of the issuer
Article 18: Shareholders, Directors and Key Management Information
Article 19: Business Overview
Article 20: Industry Overview
Articles 21: Future Plans and Prospects
Article 22: Related-Party

Article 8: Page de couverture
Article 9: Les déclarations de la responsabilité
Article 10: Annuaire de la société émettrice
Article 11: Résumé des informations sur la société
Article 12: Résumé des informations financières
Article 13: Calendrier indicatif
Article 14: Modalités et conditions des obligations
Article 15: Information relatives aux obligations
Article 16: Analyse des risques
Article 17: Historique de la société émetteur
Article 18: Actionnaires, administrateurs et les informations clés sur la Direction
Article 19: Aperçu des activités de la société
Article 20: Aperçu du secteur d'activité
Articles 21: Plans et perspectives
Article 22: Transactions relatives à la

cy'abantu bafitanye isano na sosiyete n' igongana ry'inyungu	Transaction/Conflict of Interest	partie/ Conflit d'intérêts
Ingingo ya 23: Amakuru yerekeye uko imari yagiye ikura	Article 23: Historical Financial Information	Article 23: Informations financières historiques
Ingingo ya 24: Amakuru yerekeye imari mu gihe kizaza	Article 24: Future Financial Information	Article 24: Informations financières futures
UMUTWE WA IV: ANDI MAKURU Y'INYANDIKO IHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA IMIGABANE MURI SOSIYETE Y'UBUCURUZI	CHAPTER IV: OTHER INFORMATION OF THE PROSPECTUS	CHAPITRE IV: AUTRES RENSEIGNEMENTS DU PROSPECTUS
Ingingo ya 25: Ukwemera mu nyandiko	Article 25: Written Consent	Article 25: Consentement écrit
Ingingo ya 26: Itangazo na raporo by'impuguke	Article 26: Experts' Statements and Reports	Article 26: Les déclarations et rapports d'experts
Ingingo ya 27: raporo y'abari mu nama y'ubutegetsi	Article 27: Directors' Report	Article 27: Rapport des administrateurs
Ingingo ya 28: Raporo y'abacungamari	Article 28: Accountant's Report	Article 28: Rapport du comptable
Ingingo ya 29: Inyandiko zishyirwa ahagaragara kugira ngo zigenzurwe	Article 29: Documents Available for Inspection	Article 29: Documents disponibles pour consultation
Ingingo ya 30: Uburyo bukurikizwa mu gusaba kugura imigabane	Article 30: Procedures for Application	Article 30: Procédures de demande
Ingingo ya 31: Urupapuro rwuzuzwa basaba kugura imigabane	Article 31: Form of application for securities	Article 31: Formulaire de demande de titres de placement
UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA	CHAPTER V: FINAL PROVISIONS	CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES
Ingingo ya 32: Ibisabwa mu kubikisha inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi	Article 32: Requirements for deposit of a prospectus	Article 32: Conditions pour le dépôt d'un prospectus
Ingingo ya 33: Ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza zinyuranyije n'aya mabwiriza	Article 33: Repealing of inconsistent provisions	Article 33: Disposition abrogatoire
Ingingo ya 34: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa	Article 34: Commencement	Article 34: Entrée en vigueur

**AMABWIRIZA Y'UMWANDITSI
MUKURU N° 01/2010/ORG YO KUWA
12/04/ 2010 YEREKEYE IMITERERE
N'IBIKUBIYE MU NYANDIKO
IHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA
IMIGABANE MU ISOSIYETE
Y'UBUCURUZI**

Umwanditsi Mukuru,

Ashingiye ku Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryujwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo yaryo ya 201;

Ashingiye ku itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasisiyete y'ubucuruzi mu ngingo yaryo ya 69;

ASHYIZEHO:

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Ikigamijwe

Aya mabwiriza ashiraho imiterere n'ibikubiye mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi y'ubucuruzi.

**INSTRUCTIONS OF THE REGISTRAR
GENERAL N° 01/2010/ORG OF 12/04/
2010 RELATING TO THE FORM AND
CONTENT OF A PROSPECTUS**

The Registrar General,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as revised to date, especially in Article 201;

Pursuant to Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies, especially in Article 69;

HEREBY ORDERS:

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article 1: Objective

These instructions set out the form and content of a prospectus.

**INSTRUCTIONS DU REGISTRAIRE
GENERAL N° 01/2010/ORG DU 12/04/
2010 SUR LA FORME ET LE CONTENU
DU PROSPECTUS**

Le Registraire Général,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en son article 201;

Vu la loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales, spécialement en son article 69;

ORDONNE :

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Article 1: Objet

Les présentes instructions déterminent la forme et le contenu d'un prospectus.

Ingingo ya 2: Igihe inyandiko imara ifite agaciro

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imari mu isosiyete igira agaciro mu gihe cy'amezi atandatu (6) uhereye igihe itangarijwe.

Ingingo ya 3: Itariki itangazo ritangiweho

Itariki y'itangazwa ry'inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi ni itariki iyo nyandiko yanditswe ko ishyikirijwe Ibiro by'Umwanditsi Mukuru.

Ingingo ya 4: Ibisobanuro by'impine n'amagambo y'amuga

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi igomba gukora urutonde rw'impine n'amagambo y'amuga.

UMUTWE WA II: IMITERERE Y'INYANDIKO IHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA IMIGABANE MU ISOSIYETE Y'UBUCURUZI

Ingingo ya 5: Imiterere

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi igomba kuba isomeka kandi ikaba mu nyunguti z'igipimo kitari munsu y'ingano ya 8.

Article 2: Validity Time

A prospectus shall be valid for a period of 6 months from the date of issue.

Article 3: Date of Issue

The date of issue of a prospectus is the date the prospectus is received for registration by the Office of the Registrar General.

Article 4: Glossary of Defined Terms

A prospectus shall provide a glossary of the abbreviations and technical terms used in it.

CHAPTER II: FORM OF A PROSPECTUS

Article 5: Theme Fonts

The prospectus shall be legible and appear in type size of not less than 8 point times

Article 2 : Période de validité

Un prospectus est valable pour une période de 6 mois à compter de la date d'émission.

Article 3: Date de l'émission

La date de l'émission d'un prospectus est la date d'enregistrement de son dépôt au bureau du registraire général.

Article 4 : Glossaire des définitions des termes

Un prospectus doit fournir un glossaire des abréviations et des termes techniques qu'il a utilisés.

CHAPITRE II : FORMES D'UN PROSPECTUS

Article 5: Police et taille de forme

Un prospectus doit être lisible et apparaître avec la taille n'allant pas en dessous de la taille 8.

Ingingo ya 6: Ururimi rwandikwamo Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi y'ubucuruzi

a) Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi itangazwa byibura muri rumwe muri izi ndimi zikurikira: icyongereza, igifaransa cyangwa ikinyarwanda.

b) Isosiyete ishaka kugurisha imigabane itangaza inyandiko ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane mu rurimi rwumvikana. Ikora ku buryo ibona ko umuntu wese wo mu rwego yagenewe ashobora kumva ibikubiye muri iyo nyandiko kandi ikita kuri ibi bikurikira:

- Uburyo iteguye, imiterere ndetse n'imyandikire yayo;
- amagambo arimo, uko akoreshejwe, imitondekere y'interuro zigize inyandiko, itangazo, amakuru cyangwa indi nyandiko.

Ingingo7: Gukoresha ibimenyetso

Isosiyete y'ubucuruzi ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ishobora gukoresha ibimenyetso, gutanga ingero, imitwe cyangwa ibindi bifasha gusoma no kumva ibikubiye mu nyandiko ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

Article 6: Language of the prospectus

a) A prospectus shall be published at least in one of the following languages: English, French or the Kinyarwanda.

b) The issuer shall publish that prospectus in plain language. A person of the class of persons for whom the prospectus is intended shall be able to understand the content and significance of the prospectus, without undue effort, having regard to:

- the organization, form and style of the prospectus;
- the vocabulary, usage and sentence structure of the prospectus, notice, disclosure or document.

Article 7: Use of illustration

The issuer of the prospectus could use any illustrations, examples, headings or other aids to reading and understanding in the prospectus.

Article 6: Langue du prospectus

a) Un prospectus doit être publié au moins dans l'une des langues suivantes : anglais, français ou en Kinyarwanda.

b) L'émetteur du prospectus publie ce prospectus en langage facile. Une personne de la classe des personnes auxquelles le prospectus est adressé doit pouvoir comprendre la teneur et la signification du prospectus, sans trop d'effort, en ce qui concerne :

- l'organisation, la forme et le style du prospectus ;
- le vocabulaire utilisé et la structure des phrases composant le prospectus, l'avis, l'information ou tout autre document.

Article 7 : L'utilisation d'illustrations

la société émettrice du prospectus peut utiliser illustrations, exemples, intitulés ou autres supports permettant la lecture et la compréhension du prospectus.

UMUTWE WA III: IBIKUBIYE MU NYANDIKO IHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA IMIGABANE MU ISOSIYETE Y'UBUCURUZI

Ingingo ya 8: Urupapuro rw'igifuniko

Urupapuro rw'igifuniko rw'inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi rugomba kugaragaza ibikurikira :

(i) Izina na numero y'iyandikwa mu gitabo cy'amasosiyete y'ubucuruzi by'isosiyete ishaka kugurisha imigabane ;

(ii) ubwoko n'umubare nyawo w'imigabane isosiyete igurisha ;

(iii) itariki y'itangazwa ry'inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane ;

(iv) igihe iyo nyandiko imara ifite agaciro;

(v) Umwirondoro na numero y'iyandikwa mu gitabo cy' ubucuruzi y'umujyanama ;

(vi) Umwirondoro na numero y'iyandikwa mu gitabo cy' ubucuruzi by'umujyanama mukuru(iyo ahari);

(vii) Umwirondoro na numero y'iyandikwa mu gitabo cy' ubucuruzi y'umwishingizi mukuru (iyo ahari);

(viii) Umwirondoro na numero y'iyandikwa mu gitabo cy' ubucuruzi by'umuhagarariye (iyo ihari);

(ix) Umwirondoro na numero y'iyandikwa mu gitabo cy' ubucuruzi y'uamwishingiye

CHAPTER III: CONTENT OF THE PROSPECTUS

Article 8: Cover page

The cover page of the prospectus should contain the following particulars:

(i) Corporate name and registration number in the register of companies of the issuer of the prospectus;

(ii) Type and nominal amount of the securities offered;

(iii) Date of issue of a prospectus;

(iv) Validity period of the prospectus;

(v) Full identification and registration number in the register of trade of adviser;

(vi) Full identification and registration number in the register of trade of the lead manager (if any);

(vii) Full identification and registration number in the register of trade of the managing underwriter (if any);

(viii) Full identification and registration number in the register of trade of the trustee (if any);

(ix) Full identification and registration number in the register of trade of guarantor(s)

CHAPITRE III: LE CONTENU DU PROSPECTUS

Article 8: Page de couverture

La page de couverture du prospectus devrait contenir les éléments suivants :

(i) Raison social et numéro d'enregistrement dans le registre des sociétés commerciales de l'émetteur ;

(ii) Le type et la quantité nominale des titres offerts ;

(iii) Date d'émission du prospectus ;

(iv) Période de validité du prospectus ;

(v) Identification complète et numéro d'enregistrement dans le registre de commerce du conseiller ;

(vi) Identification complète et numéro d'enregistrement dans le registre de commerce du conseiller en chef (le cas échéant);

(vii) Identification complète et numéro d'enregistrement dans le registre de commerce du garant de gestion (le cas échéant) ;

(viii) Identification complète et numéro d'enregistrement dans le registre de commerce du mandataire (le cas échéant) ;

(ix) Identification complète et numéro d'enregistrement dans le registre de commerce

cyangwa abamwishingiye (iyo bahari); (x) Kugaragaza ko imigabane izashyirwa ku isoko ry'imari n'imigabane; (xi) igenagaciro ry'imigabane nguzanyo;	(if any); (x) Listing that is sought; (xi) Rating of debentures;	des cautions (le cas échéant) ; (x) Admission en bourse qui est recherchée; (xi) Indices de classement des obligations ;
(xii) Amagambo akurikira akagaragara mu nyuguti zitsindagiye:	(xii) The following statements, to appear in bold:	(xii) Les déclarations suivantes, qui doivent apparaître en gras:
<i>“Ku birebana n’amakuru ajyanye n’impamvu zimwe na zimwe zatera ibibazo birimo ingaruka kandi bigomba kwitabwaho n’abifuzaga gushora imari, wasoma “impamvu zo kwitabwaho mu gusesengura ibibazo byavuka soma kuva ku rupapuro [...]”</i>	<i>“For information concerning certain risk factors which should be considered by prospective investors, see “risk analysis” commencing on page [....] hereof”.</i>	<i>“Pour toutes informations concernant certains facteurs de risque qui devraient être pris en considération par les investisseurs éventuels, voir « facteurs d’analyse des risques » à partir de la page [....] ”.</i>
<i>“Kopi y’iyi nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y’ubucuruzi yashyikirijwe Umwanditsi Mukuru w’amasosiyetey’ubucuruzi.”</i>	<i>“A copy of this prospectus has been delivered to the Registrar General of companies for registration.”</i>	<i>“Une copie de ce prospectus a été transmis au Registraire Général des sociétés commerciales pour dépôt. ”</i>

Ingingo ya 9: Inyandiko zimenyekanisha uburyozwe

Iyo bitavuzwe ku rupapuro rw'igifuniko, inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi igomba kugaragaza ku rupapuro rwa mbere ibi bikurikira:

“Iyi nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi yabonywe kandi yemerwa n'abagize inama y'ubutegetsi n'abashinze isosiyete cyangwa abatanze imigabane ivugwa muri iyi nyandiko kandi biyemeje bese hamwe na buri wese ku

Article 9: Responsibility Statements

If not already disclosed on the front cover, the prospectus should contain the following statements on the inside cover-

“This prospectus has been seen and approved by the directors and promoters of the corporation and/or the offering and they collectively and individually accept full responsibility for the accuracy of the information given and confirm that, after

Article 9: Les déclarations de la responsabilité

En cas de non mention à la page de couverture, le prospectus devrait contenir les déclarations suivantes à la couverture intérieure :

« Ce prospectus a été vu et approuvé par les administrateurs et fondateurs de la société et/ou l'offrant et ils reconnaissent individuellement et solidairement toute la responsabilité en rapport avec l'exactitude d'information fournie et confirment que, après

giti cye kwishingira uburyozwe bwose bujyanye n'ukuri kw'amakuru yatanzwe kandi barahamya ko nyuma yo gukora iperereza ryose rya ngombwa mu bushobozi bwose bwabo, nta makuru y'ibinyoma cyangwa ayobya akubiye muri iyi nyandiko cyangwa andi makuru bafite ku buryo kutayashyiramo byatuma amakuru avugwamo yaba atari yo cyangwa ayobya”

“Umujyanama mukuru aremeza ko , ashingiye ku makuru yose yashoboye kubona kandi aremeza ko, iyi nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi ikubiyemo amakuru yuzuye kandi y'ukuri y'ibintu byose birebana n'itangwa, gushaka isoko cyangwa kurushanwa mu biciro ku bijyanye n'imigabane igurishwa, kandi akaba yemera ko inyungu yose ndetse n'umubare w'agateganyo w'amafaranga yinjira n'asohoka (abagize inama y'ubutegetsi b'isosiyete igurisha imigabane biyemerera kwishingira uburyozwe) byateguwe kugira ngo bishyirwe muri iri tangazo byavuzwe n'abagize inama y'ubutegetsi bamaze kubikoraho iperereza rihagije kandi bigasubirwamo n'abagenzuramari babitanzeho raporo”

Ingingo ya 10: Umwirondoro wose w'abafashije isosiyete gutegura inyandiko

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi igomba gutanga amakuru arambuye ku bantu bagize

having made all reasonable enquiries, and to the best of their knowledge and belief, there are no false or misleading statement or other facts the omission of which would make any statement herein false or misleading.”

“The Adviser/Lead Manager acknowledges that, based on all available information and to the best of his knowledge and belief, this prospectus constitutes a full and true disclosure of all material facts concerning the issue, offer or invitation, and it has satisfied itself that any profit and cash flow projections (for which the directors of the issuer are fully responsible) prepared for inclusion in the prospectus has been stated by the directors after due and careful enquiry and have been duly reviewed by the Reporting Accountants.”

Article 10: Issuer's Company Directory

The prospectus should contain details of persons connected with the issue of the prospectus, as follows:

avoir effectué toutes les enquêtes raisonnables, et au meilleur de leur connaissance et croyance, le document ne contient pas de déclarations fausses ou fallacieuses ou d'autres faits dont l'omission rendrait fausse ou fallacieuse toute déclaration y reproduite»

« Le conseiller/directeur en chef reconnaît que, en se basant sur toutes les informations disponibles et au meilleur de sa connaissance et croyance, ce prospectus constitue une représentation complète et véritable de tous les faits matériels en rapport avec l'émission, l'offre ou l'invitation, et il s'est rassuré que toutes les projections sur les bénéfices et les flux de trésorerie (pour lesquels les administrateurs de l'émetteur sont entièrement responsables) préparés pour incorporation au prospectus ont été communiquées par les administrateurs après enquête minutieuse menée en bonne et due forme et ont fait l'objet d'examen par les comptables consultés »

Article 10: Annuaire de la société émettrice

Le prospectus doit contenir des détails concernant les personnes liées à la publication du prospectus émission, comme suit :

Official Gazette n°33 of 16/08/2010

uruhare mu itangazwa ryayo, mu buryo bukurikira:

(i) amazina, ubwenegihugu, aderesi, ibyo bakoraga mu myaka itanu ishize kimwe n'akazi k'abagize inama y'ubutegetsi bose (harimo abashingwabikorwa n'abatari bo) ndetse igihe ari ngombwa ikagaragaza abagize inama y'ubutegetsi bigenga;

(ii) amazina y'abagize akanama k'igenzuramari igihe ari ngombwa;

(iii) amazina na aderesi by'abantu bashinzwe ubunyamabanga bw'isosiye (iyi bahari)

(iv) aderesi na nimero za telefoni z'icyicaro gikuru cy'isosiye igurisha imigabane kimwe n'iz'ahakorerwa imirimo y'ubuyobozi na aderesi ya interineti n'urubuga rwa interineti by'iyi sosiye;

(v) amazina na aderesi by':

(a) abagenzuramari ;

(b) abacungamari bakoze igenzura;

(c) Isosiye izagurisha imigabane;

(d) Abanyamategeko babo;

(e) Ba nyiri amabanki y'ingenzi bakorana nayo;

(f) Ikigo kigena ubushobozi bw'amasosiye mu kwishyura imyenda;

(g) Umwanditsi;

(h) Intumwa;

(i) Umwishingizi cyangwa abishingizi;

(j) Umujyanama;

(k) Umujyanama Mukuru

(i) Names, nationalities, addresses, experience during the previous five years and occupations of all directors (including executive and non-executive directors) and, if applicable, to specify who are independent directors;

(ii) If applicable, names of audit committee members;

(iii) Names and addresses of persons in charge company secretary work; (if any)

(iv) Addresses and telephone numbers of the issuer's registered office and head/management office, as well as e-mail and website addresses;

(v) Names and addresses of the following parties (where applicable):

(a) Auditors;

(b) Reporting Accountants;

(c) Issuing House;

(d) Solicitors;

(e) Principal Bankers;

(f) Rating Agency;

(g) Registrar;

(h) Trustee;

(i) Guarantor(s);

(j) Adviser;

(k) Lead Manager;

(i) noms, nationalités, adresses, expérience pour les cinq années précédentes et fonctions de tous les administrateurs (y compris les administrateurs exécutifs et non exécutifs) et, si possible, indiquer qui sont les administrateurs indépendants ;

(ii) Si possible, les noms des membres du Comité d'audit;

(iii) Noms et adresses de personnes responsables du secrétariat de la société; (le cas échéant)

(iv) adresses et numéros de téléphone du siège social de l'émetteur et du siège de direction ainsi que l'adresse du courrier électronique et du site web;

(v) Noms et adresses des personnes suivantes (le cas échéant) :

(a) Auditeurs ;

(b) Comptables consultés;

(c) Maison de courtage;

(d) Avocats-conseillers juridiques;

(e) Principaux banquiers ;

(f) Agence de notation;

(g) Registrare

(h) Mandataire;

(i) Cautions ;

(j) Conseiller ;

(k) Le Conseiller en chef;

- (l) Umwishingizi Mukuru
- (m) Abishingizi
- (n) Umuntu wishyurira isosiyete
- (o) Umuntu ushinzwe inyubako;
- (p) Isosiyete yemewe icunga ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane.

- (vi) Amazina na aderesi by'impuguke yateguye cyangwa zateguye za raporo cyangwa ibice byazo cyangwa incamake zashyizwe mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi,
- (vii) Aho bishoboka, izina cyangwa amazina y'amasoko y'imigabane aho isosiyete yamaze kwandikisha imigabane yayo igurisha.

Ingingo ya 11: Incamake y'amakuru yerekeye isosiyete y'ubucuruzi

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi igomba kuba ikubiyemo incamake y'amakuru n'ibisobanuro byanditse byerekeye isosiyete ishaka gushyira imigabane ku isoko. Ibyo bisobanuro ni ibi bikurikira:

- (i) Amavu n'amavuko n'incamake isobanura uko yagiye ikora;
- (ii) Kugaragaza ibikorwa byayo by'ingenzi;
- (iii) Kwerekana imiterere y'itsinda irimo, byaba bigoranye, kugaragaza ku buryo bw'igishushanyo mbonerahamwe imiterere y'itsinda. Incamake igomba kandi kugaragaza impamvu z'ingenzi zateza ibibazo bikomeye

- (l) Managing Underwriter;
- (m) Underwriters;
- (n) Paying Agent;
- (o) Facility Agent; and
- (p) Authorized Depository Institution(s).

- (vi) Names and addresses of expert(s) who prepared reports or excerpts or summaries thereof that are included in the prospectus; and
- (vii) If applicable, name(s) of stock exchange(s) where securities of the issuer are already listed.

Article 11: Summary of Company Information

The prospectus should include a summary of the background information about the issuer. Updates on changes to any of the information must be disclosed in the supplementary prospectus. These information are the following:

- (i) Background and summary of history;
- (ii) Description of principal activities; and
- (iii) Description of group structure and, if complex, a diagrammatic illustration of the group structure. The summary should also deal with the material risk factors specific to the issuer and the debentures.

- (l) Garant principal ;
- (m) Garants ;
- (n) Agent de paiement ;
- (o) Agent des installations; et
- (p) Etablissement(s) certifié(s) de dépôt des titres.

- (vi) Noms et adresses de l'expert ou des experts qui ont préparé les rapports, les extraits ou les résumés y relatifs qui sont incorporés dans le prospectus ; et
- (vii) si possible, les noms de la (des) Bourse(s) où les titres de l'émetteur sont déjà côtés.

Article 11: Résumé des informations sur la société

Le prospectus doit renfermer un résumé des informations documentaires sur l'émetteur. Les mises à jour sur tout élément d'information doivent être communiquées dans le supplément au prospectus. Ces informations sont :

- (i) Le contexte et le résumé des informations historiques;
- (ii) La description des activités principales;
- (iii) La description de la structure du groupe et, si complexe, une représentation schématique de la structure du groupe. Le résumé doit également dégager les facteurs de risques importants spécifiques à l'émetteur et

by'umwihariko ku isosiyete igurisha imigabane ndetse n'iziyanye n'imigabane nguzanyo.

aux obligations.

Ingingo ya 12: Incamake y'amakuru yerekeye imari

Article 12: Summary of Financial Information

Article 12: Résumé des informations financières

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi igomba kuba ikubiyemo incamake y'inyandiko yerekana inyungu z'isosiyete igurisha imigabane mu myaka itanu (5) iheruka cyangwa uherye igihe yatangiriye gukora niba kiri muni y'imyaka itanu (5). Iyo ncamake ikubiyemo nibura amakuru ku bintu bikurikira:

The prospectus should include a summary of the issuer's income statement for the past 5 years or since business commencement if less than 5 years. This would include, at the minimum, the following:

Le prospectus doit renfermer un résumé de la déclaration de revenu de l'émetteur, au cours des 5 dernières années ou depuis le commencement de l'activité commerciale si la durée de celle-ci est inférieure à 5 ans. Ce résumé comprend, au moins, les informations suivantes:

- (i) Amafaranga yinjiye buri mwaka ;
- (ii) Urwunguko mbere yo kuvanamo inyungu ku nguzanyo, ubwicingure kubera ubusaze, imisoro n'ugutagaciro kw'umutungo
- (iii) Ibintu bidasanzwe;
- (iv) Uruhare rw'inyungu n'igihombo by'abanyamuryango n'amasosiyete y'abishyize hamwe
- (v) Inyungu/igihombo mbere yo kuvanamo umusoro
- (vi) Amafaranga atangwa ku misoro ku nyungu
- (vii) Inyungu nyayo/igihombo

- (i) Revenue;
- (ii) Profit before interest, amortization, taxation and depreciation;
- (iii) Exceptional items;
- (iv) Share of profits and losses of associates and joint ventures;
- (v) Profit/loss before tax;
- (vi) Tax expense; and
- (vii) Net profit/loss.

- (i) Les recettes ;
- (ii) Le bénéfice avant intérêt, amortissement, impôts et dépréciation;
- (iii) Les éléments exceptionnels;
- (iv) La part des profits et pertes des associés et coentreprises;
- (v) Le profit/la perte avant impôt;
- (vi) La charge fiscale; et
- (vii) Le bénéfice net / perte.

Hagomba kandi kugaragara incamake y'ifoto y'umutungo y'isosiyete yatanze imigabane ku itariki inyandiko y'ibaruramari yakoreweho igaragaza ku buryo burambuye uko imari shingiro, umutungon'imyenda by'isosiyete

There should also be a summary of the balance sheet of the issuer as at the last date to which accounts were made up, detailing the issuer's equity, assets' and liabilities' position.

Il faut également un résumé du bilan de l'émetteur à la dernière date à laquelle les comptes ont été arrêtés, qui détaille la situation des capitaux propres, de l'actif et du passif de l'émetteur.

igurisha imigabane byifashe.

Ingingo ya 13: Ingengabihe

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi igomba gutangaza ingengabihe ikurikira:

- (i) Itariki yo gutangira no gusozwa itangwa ry'imigabane, itariki yo gushaka isoko cyangwa kurushanwa mu biciro ku bijyanye n'imigabane nguzanyo cyangwa imigabane isanzwe;
- (ii) Itariki y'agateganyo yo kwiyandikisha ku isoko ry'imari n'imigabane;
- (iii) Andi matariki y'ingirakamaro ajyanye no gutanga impapuro z'imigabane, gushaka isoko cyangwa kurushanwa mu biciro by'imigabane nguzanyo /imigabane isanzwe.

Ingingo ya 14: Ibisabwa ku migabane nguzanyo

Ibisobanuro birambuye ku byangombwa bisabwa ku migabane nguzanyo bigomba kumenyekanishwa mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane nguzanyo mu isosiyete y'ubucuruzi (itari ya nyandiko iguma mu bubiko imenyekanisha gusa umubare ntarengwa wifuzwa ku migabane nguzanyo). Ibyo bisabwa ni ibi bikurikira:

- (i) Ubwoko n'umubare nyawo w'imigabane nguzanyo;
- (ii) Gushyira mu byiciro imigabane nguzanyo;

Article 13: Indicative Timetable

The prospectus should disclose the following tentative timetable:

- (i) The opening and closing date of the issue, offer or invitation in respect of debentures/shares;
- (ii) The tentative listing date; and
- (iii) Other relevant dates in conjunction with the issue, offer or invitation of debentures/shares.

Article 14: Terms and Conditions of the Debentures

Detailed terms and conditions of the debentures should be disclosed in the prospectus (other than the shelf prospectus where only the proposed maximum amount of debentures would need to be disclosed). These include the following:

- (i) Type and nominal amount of debentures;
- (ii) Ranking of debentures;

Article 13: Calendrier indicatif

Le prospectus doit montrer le calendrier provisoire ci-après:

- (i) La date d'ouverture et de clôture de l'émission, de l'offre ou de l'appel d'offre en ce qui concerne les obligations/les actions;
- (ii) La date d'admission en bourse/cotation provisoire; et
- (iii) Autres dates importantes en liaison avec l'émission, l'offre ou l'appel à souscrire à des obligations/actions.

Article 14: Modalités et conditions des obligations

Les informations détaillées sur les modalités et conditions des obligations doivent apparaître dans le prospectus (autre que le prospectus préalable où seul le montant maximum proposé pour les obligations doit être divulgué). Il s'agit notamment des mentions suivantes:

- (i) Type et montant nominal des obligations;
- (ii) Classement des obligations;

Official Gazette n°33 of 16/08/2010

- | | | |
|--|---|--|
| (iii) Igiciro itangiweho; | (iii) Issue price; | (iii) Prix d'émission; |
| (iv) Ijanisha ry'inyungu / urwunguko; | (iv) Interest/coupon/profit rate; | (iv) intérêt / coupon / taux de profit; |
| (v) Umubare wa ngombwa umuntu atajya muni agura imigabane nguzanyo mu rwego rwo kugera ku ntego igamijwe mu gutanga, gushaka isoko cyangwa kurushanwa mu biciro (hagomba kongerwamo uburyo bukurikizwa mu gusubiza amafaranga yakiriwe iyo ibi bisabwa bitujwe); | (v) Minimum subscription required of the debentures in order to satisfy the objectives of the issue, offer or invitation (to include procedures for refund if this requirement is not met); | (v) le minimum de souscriptions requises à des obligations pour satisfaire aux objectifs de l'émission, de l'offre ou de l'appel d'offre (inclure les procédures de remboursement si cette condition n'est pas remplie); |
| (vi) Igihe umugabane nguzanyo umara; | (vi) Tenor of the debentures; | (vi) La teneur des obligations; |
| (vii) Ubwoko n'amazina y'imigabane nguzanyo ishyizwe ku isoko; | (vii) type and denomination of debentures on issuance; | (vii) Le type et la dénomination des obligations en émission; |
| (viii) Amasezerano yo kwishingira kugurisha imigabane; | (viii) Underwriting arrangements; | (viii) L'Arrangement de souscriptions ; |
| (ix) Impamvu zifatwa nk'amakosa; | (ix) Events of Default; | (ix) Les cas de défaut; |
| (x) Ibisobanuro birambuye ku ngwate zitangiwe imigabane nguzanyo; | (x) Details of any security for the debentures; | (x) Les détails de toute sureté (garantie) pour les obligations; |
| (xi) Igiciro gihawe imigabane nguzanyo (hamwe n'ibisobanuro kuri icyo giciro); | (xi) Rating assigned to debentures (together with a description of the rating); | (xi) La note attribuée aux obligations (assortie d'une description de l'évaluation); |
| (xii) kugaragaza ko imigabane izashyirwa ku isoko ry'imari n'imigabane; | (xii) Listing that is sought; | (xii) L'admission en bourse qui est souhaitée; |
| (xiii) Incamake y'uburenganzira bufitwe na ba nyir'imigabane nguzanyo; | (xiii) Summary of rights conferred upon the holders of debentures; | (xiii) Le résumé des droits conférés aux détenteurs des obligations; |
| (xiv) Itegeko rikurikizwa cyangwa amategeko yihariye yose yakurikijwe mu gushyiraho imigabane nguzanyo no gutoranya urukiko rubifitiye ububasha ruzitabazwa mu gukemura impaka zavuka; | (xiv) Governing law, any special legislation under which the debentures have been created and the choice of jurisdiction in the event of litigation; | (xiv) La loi en la matière, toute législation spéciale en vertu de laquelle les obligations ont été créées et le choix de la juridiction compétente en cas de litige; |
| (xv) Uburyo bwo kwishyura n'incuro inyungu zizajya zitangwa; | (xv) Repayment terms and frequency of interest/profit payments; | (xv) Les modalités de remboursement et la fréquence de paiements d'intérêt / profit; |
| (xvi) Ibisobanuro birambuye ku bikenewe n'ikigeza cy'ubwicungure; | (xvi) Details of any sinking fund requirement; and | (xvi) Les détails de toute exigence de fonds d'amortissement, et |

(xvii)
(xviii) Impapuro zimwemerera gukora zitangwa n'inzezo ngenzuramikorere n'amatariki zatangiwe.

(xvii) Regulatory approvals required and dates of approval.

(xvii) Les approbations réglementaires requises et les dates d'approbation.

Ingingo ya 15: Ibisobanuro bya ngombwa ku migabane nguzanyo

Article 15: Information on debentures

Article 15: Information relatives aux obligations

Iyo imigabane nguzanyo ishobora guhindurwa umutungo(imari) shingiro cyangwa iyo itanzwe habaye inshingano ku masezerano, byashoboka cyangwa bidashoboka ko kimwe gifatwa ukwacyo, ibisobanuro birambuye bikurikira bigomba kugaragara mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane nguzanyo mu isosiyete y'ubucuruzi:

If the debentures are convertible into equity or are issued with warrants, whether or not detachable, the following detailed information should be made available in the prospectus:

Si les obligations sont convertibles en capitaux propres ou sont émis moyennant bons de souscription, détachables ou non, le prospectus doit, faire ressortir les informations détaillées ci-après:

- (a) Uburyo bwo guhindura imigabane;
- (b) Umubare w'ingwate ku masezerano;
- (c) Igihe guhindura umugabane bimara;
- (d) igiciro cy'ingwate ku masezerano;
- (e) Ijanisha ry'ihindura ry'imigabane;
- (f) Uburenganzira bujyana n'ingwate ku masezerano;
- (g) ikiguzi cyo guhindura imigabane;
- (h) Igihe cyo gukoresha ingwate ku masezerano;
- (i) Ikiguzi cyo gukoresha ingwate ku masezerano.

- (a) Mode of conversion;
- (b) Number of warrants;
- (c) Conversion period;
- (d) Price of warrants;
- (e) Conversion ratio;
- (f) Rights attached to warrants;
- (g) Conversion price;
- (h) Warrant exercise period; and
- (i) Warrant exercise price.

- (a) La mode de conversion;
- (b) Le nombre de bons de souscription;
- (c) La période de conversion;
- (d) Le prix de bons de souscription;
- (e) Le ratio/proportion de conversion;
- (f) Les droits attachés aux bons de souscription;
- (g) Le prix de conversion;
- (h) La période d'exercice du bon de souscription, et
- (i) Le prix d'exercice du bon de souscription.

Ingingo ya 16: Gusesengura ibibazo

Article 16: Risk Analysis

Article 16: Analyse des risques

Mu isesengurwa ry'ibibazo, ibyitabwaho ni ibi bikurikira:

the following are the requirement of the risk analysis:

L'analyse des risques doit se baser sur les éléments suivants :

- (a) Inyandiko ihamagarira rubanda kugura

- (a) The prospectus should contain

- (a) Le prospectus doit contenir des

imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi igomba kuba ikubiyemo ibisobanuro ku bibazo byose bikomeye, bifite icyabiteye cyangwa bifitanye isano no guha inguzanyo isosiyete igurisha imigabane. Ibibazo byose bitangajwe mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi bigomba kuba biherekejwe n'imenyekanisha ry'ingaruka byagira ku isosiyete igurisha imigabane. Igihe bishoboka, hagomba kugaragazwa uko izo ngaruka zingana. Imenyekanisha rivuga no ku bibazo bijyanye n'uko isosiyete igurisha imigabane ihagaze mu mikorere yayo mu rwego rw'imari. Indi mpinduka ikomeye yaba nyuma igomba kuvugwaho mu mugereka w'inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi.

(b) Ibibazo bikomeye bikurikira biratwerekana gusa bumwe mu bwoko bw'ibibazo bishobora kuboneka ku isosiyete, ku migabane isanzwe no ku migabane nguzanyo. Isosiyete igurisha imigabane ifite inshingano yo kumenyekanisha ibindi bibazo byose bikomeye, byaba ibihutiweho cyangwa ibindi byose bitavuzwe mu bikurikira:

- (i) Ibibazo bifitanye isano n'imiterere y'ubucuruzi bw'isosiyete igurisha imigabane;
- (ii) Iyo isosiyete igurisha imigabane nta mateka y'ibikorwa yakoze ifite, cyangwa amateka yayo akaba ari make, ibibazo bifitanye isano no gushora imari mu isosiyete nshya cyangwa bigaragara ko ari nshya;

information about all material risks, contingent or otherwise, associated with lending to the issuer. Any risk disclosed in the prospectus should be accompanied by a statement of the effect that the risk factors might have on the issuer. If possible, the effects should be quantified. The disclosure includes risks relating to the issuer's financial performance. Any subsequent material change must be reflected in the supplementary prospectus.

(b) The material risks set out below are only a guide to some of the types of risks that may apply to the issuer and the debentures/shares. The issuer has an obligation to disclose any other material risks, contingent or otherwise, not mentioned below:-

- (i) Risks associated with the nature of business of the issuer;
- (ii) If the issuer has no operating history or its history is limited, the risks of investing in a new or relatively new venture;

informations sur tous les risques importants, conditionnels ou non, liés au prêt consenti à l'émetteur. Tout risque mentionné dans le prospectus devrait être accompagné d'une déclaration de l'effet que les facteurs de risque pourraient exercer sur l'émetteur. Les effets devraient, dans la mesure du possible, être quantifiés. La divulgation emporte les risques liés à la performance financière de l'émetteur. Tout changement ultérieur important doit être reflété dans le supplément au prospectus.

(b) Les risques importants définis énumérés ci-dessous ne sont qu'un à certains types de risques pouvant affecter l'émetteur et les obligations / actions. L'émetteur a l'obligation d'informer sur tous autres risques importants, conditionnels ou non, non énumérés:

- (i) les risques associés à la nature de l'activité de l'émetteur;
- (ii) si l'émetteur n'a pas d'antécédents opérationnels ou si son contexte est limité, les risques d'un investissement dans une entreprise nouvelle ou relativement nouvelle;

(iii) Ibibazo bikomoka ku miterere y'ubukungu n'ibihe bihinduka bifite akamaro cyangwa by'umwihariko ku bucuruzi bw'isosiye igurisha imigabane;

(iv) Ibibazo bifitanye isano n'igenzura iryo ari ryo ryose rikorwa na leta cyangwa amategeko bigira ingaruka zo ku rwego rw'imari ku isosiye igurisha imigabane iyo habaye impinduka;

(v) Inkeke zo mu rwego rw'amategeko zerekeye ubucuruzi, ibikorwa cyangwa ubwumvikane ku masezerano yakozwe n'isosiye igurisha imigabane;

(vi) Ibibazo byerekeye imikorere igaragaza uko isosiye ihagaze mu rwego rw'imari:

(a) Ubwumvikane bwakozwe hakurikijwe amasezerano y'inguzanyo butuma ubwisanzure mu rwego rw'imikorere n'imari by'isosiye igurisha imigabane cyangwa by'itsinda bugira aho bigarukira;

(b) Imyenda iteganyijwe ku mari shingiro;

(c) Imyenda isanzwe.

Ingingo ya 17: Amateka y'isosiye y'ubucuruzi ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiye y'ubucuruzi igomba kugaragaza amateka y'isosiye igurisha imigabane uherye igihe yashingiwe kugeza ubu, itariki n'ahantu yashingiwe.

(iii) Risks arising from economic conditions and cycles that are significant or peculiar to the issuer's business;

(iv) Risks relating to any form of government control or regulation that, when changed, have financial consequences for the issuer;

(v) Any legal uncertainties concerning the issuer's business or operations or contractual agreements; and

(vi) Risks relating to financial performance, as follows:

(a) Covenants under borrowing facility agreements which limit the issuer/group's operating and financial flexibilities;

(b) Foreseeable capital commitments; and

(c) Indebtedness.

Article 17: History of the issuer

The prospectus shall provide history of the issuer from inception to-date, date and place of incorporation of the issuer.

(iii) les risques découlant de la conjoncture économique et des cycles qui sont importants ou spécifiques aux activités de l'émetteur;

(iv) les risques liés à toute forme de contrôle du gouvernement ou une réglementation qui, une fois modifiée, à des conséquences financières pour l'émetteur;

(v) les incertitudes juridiques quant à l'activité, aux opérations ou aux accords contractuels de l'émetteur, et

(vi) les risques relatifs à la performance financière, notamment:

(a) les engagements pris en vertu des accords de facilité d'emprunt qui limitent la flexibilité opérationnelle et financière de l'émetteur ou du groupe ;

(b) les engagements en capital prévisible ;et

(c) l'endettement.

Article 17: Historique de la société émetteur

Le prospectus doit indiquer les antécédents de l'émetteur depuis sa création à ce jour, la date et le lieu de constitution de l'émetteur.

Ingingo ya 18: Amakuru yerekeye abanyamigabane, abagize inama y'ubutegetsi n'abandi bari mu buyobozi bw'isosiyete

Ku bijyanye n'abafite imigabane myinshi bafite byibura 5% by'imigabane yose ndetse n'abashinze isosiyete, inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi igomba gutangaza nibura amakuru akurikira:

(a) Izina, icyo bakora, ubushobozi n'uburambe mu bucuruzi, imigabane bafite mu isosiyete igurisha imigabane no kuvuga uzagererwa bwa nyuma uburenganzira ku mutungo w'imigabane bafite hakurikijwe amasezerano yakozwe hamwe n'intumwa cyangwa isosiyete;

(b) Imanza bafite ziri mu nkiko,

(c) Iyo ufite imigabane myinshi/uwashoye imari nyinshi ari isosiyete, kugaragaza itariki n'ahantu yashingiwe, ibikorwa by'ingenzi, abagize inama y'ubutegetsi n'abafite imigabane myinshi muri iyo sosiyete;

(d) Abagize inama y'ubutegetsi muri iki gihe n'aho bafite imigabane myinshi mu masosiyete yose ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane.

Ku bijyanye n'abandi bari mu nama y'ubutegetsi n'umuyobozi mukuru w'isosiyete igurisha imigabane, inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane igomba kugaragaza

Article 18: Shareholders, Directors and Key Management Information

In relation to any major shareholders having at least 5% of shares and promoters, the prospectus should disclose at least the following information:

(a) Name, occupation, qualification and business experience, Shareholding in the issuer and to state the ultimate beneficial ownership of any shares held under nominee/company or arrangements;

(b) Cases in the courts

(c) In the case where the major shareholder/promoter is a company, date and place of incorporation, principal activities, directors and major shareholders of the company; and

(d) Current directorships and their major shareholdings in all other public companies.

In respect of the others issuer's directors and chief executive officer, the prospectus should disclose the following:

Article 18: Actionnaires, administrateurs et les informations clés sur la Direction

En rapport avec tous les actionnaires majoritaires ayant au moins 5% des actions et les promoteurs, le prospectus devrait fournir au moins les informations suivantes:

(a) le nom, la profession, la qualification et l'expérience dans les affaires, l'actionnariat de l'émetteur et la déclaration sur le bénéficiaire à qui revient le droit de propriété sur toutes actions détenues en vertu des arrangements conclus avec le propriétaire apparent / la société;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Abisabwe n'Umuvugizi wa « Association pour les Conseils en Développement » (A.C.D) mu rwandiko rwe rwakiriwe ku wa 05/03/2009 ;

Upon request lodged by the Legal Representative of the "Association pour les Conseils en Développement" (A.C.D) on 05/03/2009;

Sur requête du Représentant Légal de l'« Association pour les Conseils en Développement » (A.C.D) reçu le 05/03/2009 ;

ATEGETSE :

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

Ingingo ya mbere : Izina n'Icyicaro by'Umuryango

Ubuzimagatozi buhawe « Association pour les Conseils en Développement » (A.C.D) ufite icyicaro cyawo mu Karere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali.

Article One: Name and Head Office of the Association

Legal status is hereby granted to the « Association pour les Conseils en Développement » (A.C.D) situate at Nyarugenge District, in Kigali City.

Article premier : Dénomination et siège de l'Association

La personnalité civile est accordée à l' « Association pour les Conseils en Développement » (A.C.D) dont le siège est dans le District de Nyarugenge, dans la Ville de Kigali.

Ingingo 2 : Intego z'umuryango

Umuryango ugamije :

- Kwitabira no gushyigikira gahunda yo kurwanya ubukene ;
- Gutegura no gukora imishinga y'ibikorwa bibyara amafaranga, byafasha Umuryango kugera ku nshingano zawo;
- Gushyigikira iterambere ry'abaturage no kongera ubushobozi inzego z'ibanze kugira ngo zigere ku ntego zazo;
- Gukangurira abaturage kurinda no kurengera ibidukikije n'umutekano wo mu muhanda;
- Gukangurira no guhugurira abantu kwirinda SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina;

Article 2: Objectives of the Association

The Association has the following objectives:

- Participating and supporting the programs relating to the fight against poverty;
- Creating and initiating the activities generating incomes that can help the association to attain its objectives;
- To support community development and reinforce capacity building decentralized local entities so as to render them more operational;
- To sensitize the population about the protection of environment and road security;
- Sensitizing and training the population about the prevention of HIV/AIDS and sexually transmitted diseases;

Article 2 : Objet de l'Association

L'Association a pour objet de :

- Participer aux programmes de lutte contre la pauvreté et les appuyer;
- Créer et initier des activités génératrices de revenus susceptible d'aider l'association à atteindre ses objectifs ;
- Appuyer le développement communautaire et le renforcement de capacités des structures de base pour les rendre plus opérationnelles ;
- Sensibiliser la population sur la protection de l'environnement et la sécurité routière ;
- Sensibiliser et former la population sur la prévention du VIH/SIDA et les maladies sexuellement transmissibles ;

Official Gazette n°33 of 16/08/2010

- | | | |
|---|--|--|
| <ul style="list-style-type: none">- Guhugura abaturage gutegura imishinga ibyara inyungu mu iterambere ry'icyaro no kubigisha kuyicunga mu kubafasha kurwanya ubukene;- Kwigisha abaturage bo mu cyaro, ibigo by'amashuri, gereza, kiriziya n'amatorero, uko bacunga n'uko bakoresha amazi y'imvura biyubakira ibigega byo kuyahunikamo;- Kwigisha abaturage bo mu cyaro, ibigo by'amashuri, amagera n'amatorero, gukoresha neza imisarani no kugira isuku y'umubiri, aho barara n'aho bakorera;- Gushyigikira umubano w'ubufatanye n'indi miryango ikorera mu gihugu n'iy'ahandi bihuje intego. | <ul style="list-style-type: none">- To train the population about elaborating and generating income projects in the field of rural development, projects management, in order to help them to fight against poverty;- Sensitizing rural population, schools, prisons and churches on how to manage rain waters and build tanks to collect them;- Sensitizing rural population, schools, prisons and churches on how to manage properly the toilets, the body hygiene and cleanliness in their residences and their places of work;- To maintain a partnership with national and international associations pursuing similar objectives. | <ul style="list-style-type: none">- Former la population sur l'élaboration des projets générateurs de revenus dans les domaines du développement rural et de la gestion des projets pour les aider à lutter contre la pauvreté ;- Sensibiliser les populations en milieu rural, les écoles, les prisons et les Eglises sur la gestion rationnelle des eaux de pluie et dans la construction des réservoirs en vue de leur collecte ;- Sensibiliser les populations rurales, les écoles, les prisons et les Eglises sur la gestion saine des toilettes, l'assainissement et l'hygiène corporelle, dans les résidences et aux lieux de travail ;- Entretenir des relations de partenariat avec les institutions nationales et internationales ayant des objectifs similaires. |
|---|--|--|

Ingingo ya 3: Abavugizi b'umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi wa **«Associations pour les Conseils en Développement» (A.C.D)** ni Bwana **MUKIZA Ntezimana Jonas**, umunyarwanda uba mu Murenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, mu Muji wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije

Article 3: The Legal Representatives

Mr **MUKIZA Ntezimana Jonas** of Rwandan Nationality, residing in Remera Sector, Gasabo District, in Kigali City, is hereby authorized to be the Legal Representative of the **«Association pour les Conseils en Développement» (A.C.D)**.

Mrs **NYIRAMANYANA Dorcas** of Rwandan

Article 3 : Les Représentants Légaux

Est agréé en qualité du Représentant Légal de l' **«Association pour les Conseils en Développement» (A.C.D)** Monsieur **MUKIZA Ntezimana Jonas** de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Remera, District de Gasabo, dans la Ville de Kigali.

Est agréée en qualité de la Représentante

Official Gazette n°33 of 16/08/2010

w'uwo muryango ni Madamu
NYIRAMANYANA Dorcas,
Umunyarwandakazi uba mu Murenge wa
Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa
Kigali.

Nationality, residing in Remera Sector, Gasabo
District, in Kigali City, is hereby authorized to
be the deputy Legal Representative of the same
Association.

Légale Suppléante de la même Association,
Madame **NYIRAMANYANA Dorcas**, de
nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur
de Remera, District de Gasabo, dans la Ville
de Kigali.

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira
gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4 : Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi
ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika
y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of
its publication in the Official Gazette of the
Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa
publication au Journal Officiel de la
République du Rwanda.

Kigali, kuwa 11 Gicurasi 2009

Kigali, on 11 May 2009

Kigali, le 11 Mai 2009

(se)

KARUGARAMA Tharcisse

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

(se)

KARUGARAMA Tharcisse

Minister of Justice/Attorney General

(se)

KARUGARAMA Tharcisse

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

<u>UMURYANGO</u> <u>INYUNGU</u>	<u>UDAHARANIRA</u>	<u>ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF</u>	<u>NON-PROFIT MAKING ORGANIZATION</u>
UMURYANGO UGAMIJE KUGIRA INAMA MU ITERAMBERE (A.C.D.)	ASSOCIATION POUR LES CONSEILS EN DEVELOPPEMENT (A.C.D.)	ASSOCIATION FOR PROVIDING ADVICE IN DEVELOPMENT (A.C.D.)	
<u>AMATEGEKO SHINGIRO</u>	<u>STATUTS</u>	<u>CONSTITUTION</u>	
<u>UMUTWE WA MBERE:</u> <u>IZINA, ICYICARO, IGIHE N'INTEGO</u>	<u>CHAPITRE PREMIER:</u> <u>DENOMINATION, SIEGE, DUREE ET</u> <u>OBJET</u>	<u>CHAPTER ONE: NAME, HEAD OFFICE,</u> <u>DURATION AND OBJECTIVES</u>	
<u>Ingingo ya mbere</u> Abashyize umukono kuri iyi nyandiko bashinze umuryango witwa «Umuryango Ugamiye Kugira Inama mu Iterambere», A.C.D. mu magambo ahinnye y'igifaransa, ugengwa n'Itegeko N° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu hamwe n'aya mategeko shingiro.	<u>Article premier:</u> Il est constitué entre les personnes soussignées, une association dénommée «Association pour les Conseils en Développement», A.C.D. en sigle en français, régie par la loi N° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif et soumise aux dispositions des présents statuts.	<u>Article one:</u> The undersigned people convene to create an organization named “Association for Providing Advice in Development”, A.C.D. in French abbreviation, governed by the Law N° 20/2000 of 26/07/2000 relating to non-profit making organizations and submitted to the provisions of the present constitution.	
<u>Ingingo ya 2 :</u> Icyicaro cy'umuryango gishyizwe i Kigali, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali. Gishobora ariko kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange.	<u>Article 2 :</u> Le siège de l'association est établi à Kigali, District de Nyarugenge, Ville de Kigali. Il peut néanmoins être transféré ailleurs au Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale.	<u>Article 2:</u> The registered office of the association shall be located in Kigali, Nyarugenge District, Kigali City. It may be shifted to any other place in Rwanda upon the decision of the General Assembly.	
<u>Ingingo ya 3:</u> Umuryango ukorera imirimo yawo mu Rwanda hose. Igihe uzamara ntikigenwe.	<u>Article 3:</u> L'association exerce ses activités sur tout le territoire rwandais. Elle est créée pour une durée indéterminée.	<u>Article 3:</u> The association shall carry out its activities all over the Rwandan territory. It is created for an undetermined term.	

Ingingo ya 4:

Umuryango ugamije:

- a) kwitabira no gushyigikira gahunda yo kurwanya ubukene;
- b) gutegura no gukora imishinga y'ibikorwa bibyara amafaranga, byafasha umuryango kugera ku nshingano zawo;
- c) gushyigikira iterambere ry'abaturage no kongerera ubushobozi inzego z'ibanze kugirango zigere ku ntego zazo;
- d) gukangurira abaturage kurinda no kurengera ibidukikije n'umutekano wo mu muhanda;
- e) gukangurira no guhugurira abantu kwirinda SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina;
- f) guhugura abaturage mu gutegura imishinga ibyara inyungu mu iterambere ry'icyaro no kubigisha kuyicunga mu kubafasha kurwanya ubukene;
- g) kwigisha abaturage bo mu cyaro, ibigo by'amashuri, amagerewa n'amatorero uko bacunga n'uko bakoresha amazi y'imvura biyubakira ibigega byo kuyahunikamo;
- h) kwigisha abaturage bo mu cyaro, ibigo by'amashuri, amagerewa, kiliziya n'amatorero gukoresha neza imisarani no kugira isuku y'umubiri, aho barara n'aho bakorerwa;
- i) gushyigikira umubano n'ubufatanye n'indi miryango ikorera mu gihugu n'iyi hanze bihuje intego.

Article 4:

L'association a pour objet de:

- a) participer aux programmes de lutte contre la pauvreté et les appuyer;
- b) créer et initier des activités génératrices de revenus susceptibles d'aider l'association à atteindre ses objectifs;
- c) appuyer le développement communautaire et le renforcement des capacités des structures de base pour les rendre plus opérationnelles;
- d) sensibiliser la population sur la protection de l'environnement et la sécurité routière;
- e) sensibiliser et former la population sur la prévention du VIH/SIDA et les maladies sexuellement transmissibles;
- f) former la population sur l'élaboration des projets générateurs de revenus dans les domaines du développement rural et de la gestion des projets pour les aider à lutter contre la pauvreté;
- g) sensibiliser les populations rurales, les écoles, les prisons et les églises sur la gestion rationnelles des eaux de pluie et la construction des réservoirs en vue de leur collecte;
- h) sensibiliser les populations rurales, les écoles, les prisons et les églises sur la gestion saine des toilettes, l'assainissement et l'hygiène corporelle, dans leurs résidences et aux lieux de travail;
- i) entretenir des relations de partenariat avec les institutions nationales et internationales ayant des objectifs similaires.

Article 4:

The association has the following aims:

- a) to participate and support programs relating to the fight against poverty;
- b) to create and initiate activities generating incomes that can help the association attain its objectives;
- c) to support community development and reinforce capacity building of decentralized local entities so as to render them more operational;
- d) to sensitize the population about the protection of the environment and road security;
- e) to sensitize and train the population about the prevention of HIV/AIDS and sexually transmitted diseases;
- f) to train the population about elaborating generating income projects in the field of rural development, projects management in order to help them fight poverty;
- g) to sensitize rural populations, schools, prisons and churches on how to manage rain waters and build tanks to collect them;
- h) to sensitize rural population, schools, prisons and churches on how to manage properly the toilets, the body hygiene and cleanliness in their residences and at their places of work;
- i) to maintain partnership with national and international institutions pursuing similar objectives.

UMUTWE WA II: ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 5:

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abawinjiramo n'ab'icyubahiro. Abashinze umuryango ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro. Abawinjiramo ni abantu babisaba bamaze kwiyezeza gukurikiza aya mategeko shingiro, maze bakemerwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango babyemererwa n'Inteko Rusange kubera inkunga ishimishije batera umuryango. Bagishwa inama gusa ariko ntibatora.

Ingingo ya 6:

Abashinze umuryango n'abawinjiramo ni abanyamuryango nyakuri. Biyemeza kugira uruhare mu bikorwa byose by'umuryango batizigama. Baza mu nama z'Inteko Rusange bafite uburenganzira bwo gutora kandi bagomba gutanga umusanzu ugenwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 7:

Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zoherezwa Peresida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

CHAPITRE II: DES MEMBRES

Article 5 :

L'Association se compose des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneur. Sont membres fondateurs, les signataires des présents statuts. Sont membres adhérents les personnes physiques qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Les membres d'honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale décerne ce titre pour le soutien appréciable apporté à l'association. Ils jouent un rôle consultatif mais n'ont pas de voix délibérative.

Article 6:

Les membres fondateurs et les membres adhérents constituent les membres effectifs de l'association. Ils prennent l'engagement de participer activement à tous les programmes de l'association. Ils assistent aux réunions de l'Assemblée Générale avec voix délibérative et doivent verser une cotisation fixée par l'Assemblée Générale.

Articles 7:

Les demandes d'adhésions sont adressées par écrit au Président du Comité Exécutif et soumises à l'approbation de l'Assemblée

CHAPTER II: MEMBERSHIP

Article 5:

The association is composed of founder members, ordinary members and honorary members. Founder members are the signatories to the present constitution. Ordinary members are physical persons who, upon request and after subscribing to the present constitution, shall be approved by the General Assembly.

Honorary members are physical or moral persons which are awarded the title by the General Assembly due to appreciable support provided to the association. They play a consultative role, but have no right to vote.

Article 6:

Founder members and ordinary members shall constitute the duly registered members of the association. They are committed to actively involve in all the programs of the association. They shall attend the meetings of the General Assembly with the right to vote and have to give a contribution decided by the General Assembly.

Article 7:

Applications for membership shall be addressed to the President of the Executive Board and submitted to approval of the

Générale.

Ingingo ya 8:

Gutakaza ubunyamuryango biterwa n'urupfu, gusezera ku bushake, kwirukanwa cyangwa iseswa ry'umuryango.

Usezeye ku bushake yandikira Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amabwiriza ngengamikorere by'umuryango.

UMUTWE WA III : IBYEREKEYE INZEGO

Ingingo ya 9:

Inzego z'umuryango ni Inteko Rusange, Komite Nyobozi n'Ubugenzuzi bw'imari.

Igice cya mbere: Ibyerekeye Inteko Rusange

Ingingo ya 10:

Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bose.

Article 8 :

La qualité de membre de perd par le décès, le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'association.

Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président du Comité Exécutif et soumis à l'approbation de l'Assemblée Générale.

L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à l'Assemblée de deux tiers (2/3) des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement d'ordre intérieur de l'association.

CHAPITRE III : DES ORGANES.

Article 9:

Les organes de l'association sont l'Assemblée Générale, le Comité Exécutif et le Commissariat aux comptes.

Section première : De l'Assemblée Générale.

Article 10:

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'association. Elle est composée de tous les membres effectifs.

General Assembly.

Article 8:

Loss of membership shall be caused by death, voluntary resignation, expulsion or dissolution of the association.

Written applications for voluntary resignation shall be addressed to the President of the Executive Board and approved by the General Assembly.

Expulsion shall be adopted by the General Assembly upon the two third (2/3) majority votes against any member who no longer conforms to the present constitution and the internal rules and regulations of the association.

CHAPTER III: THE ORGANS

Article 9:

The organs of the association are the General Assembly, the Executive Board et the Auditing Committee.

Section one: The General Assembly

Article 10:

The General Assembly is the supreme body of the association. It is composed of all the duly registered members.

Ingingo ya 11:

Inteko Rusange ihamagarwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komite Nyobozi; yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida.

Igihe Perezida na Visi-Perezida badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagarwa mu nyabdiko isinyweho na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango nyakuri. Icyo gihe, abagize Inteko bitoramo Perezida w'inama.

Ingingo ya 12:

Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka mu nama isanzwe. Ubutumire bukubiyemo ibizigwa zishyikirizwa abanyamuryango nibura mbere y'iminsi mironko itatu (30).

Ingingo ya 13:

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango nyakuri bahari. Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumizwa mu minsi cumi n'itanu (15). Icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro itiyeye ku mubare w'abahari.

Ingingo ya 14:

Inteko Rusange idasanze iterana buri gihe bibaye ngombwa. Impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganyijwe mu butumire.

Article 11:

L'Assemblée Générale est convoquée et dirigée par le Président du Comité Exécutif ou en cas d'absence ou d'empêchement, par le Vice-Président.

En cas d'absence, d'empêchement ou de défaillance simultanés du Président et du Vice Président, l'Assemblée Générale est convoquée par écrit par le tiers (1/3) des membres effectifs. Dans ce cas, l'Assemblée élit en son sein un Président de la session.

Article 12 :

L'Assemblée Générale se réunit une fois par an en session ordinaire. Les invitations contenant l'ordre du jour sont remises aux membres au moins trente (30) jours avant la réunion.

Article 13 :

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les deux tiers (2/3) des membres effectifs sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de quinze (15) jours. Dans ce cas, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre des participants.

Article 14 :

L'Assemblée Générale extraordinaire se tient autant de fois que de besoin. Les débats ne portent que sur la question inscrite à l'ordre du jour.

Article 11:

The General Assembly shall be convened and chaired by the President of the Executive Board or in case of absence, by the Vice-President.

In case both the President and the Vice-President are absent or fail to convene it, the General Assembly shall be convened by the third (1/3) of duly registered members. In that case, the Assembly shall elect a Chairman for the session.

Article 12:

The General Assembly shall meet once a year in an ordinary session. Invitation letters containing the agenda shall be transmitted to members at least thirty (30) days before the meeting.

Article 13:

The General Assembly legally sit and deliberate when the three third (2/3) of duly registered members are present. In case the quorum is not reached, a second meeting shall be convened within fifteen (15) days. In that case, the General Assembly shall sit and deliberate legally irrespectively of the number of participants.

Article 14:

The extraordinary General Assembly shall be convened as often as necessary. Debates shall deal only with the matter on the agenda.

Ingingo ya 15:

Uretse ibiteganywa ukundi n'Itegeko ryerekeye imiryango idaharanira inyungu hamwe n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa ku bwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angina, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri

Ingingo ya 16:

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:

- a) Kwemeza no guhindura amategeko shingiro n'amabwiriza ngengamikorere;
- b) Gutora no kuvanaho abagize Komite Nyobozi n'Abagenzuzi b'imari;
- c) Kwemeza ibyo umuryango uzakora;
- d) Kwemera, guhagarika cyangwa kwirukana umunyamuryango;
- e) Kwemeza buri mwaka imicungire y'imari;
- f) Kwemera impano n'indagano;
- g) Gusesa umuryango.

Igice cya kabiri: Ibyerekeye Komite Nyobozi

Ingingo ya 17:

Komite Nyobozi igizwe na:

- Perezida: umuvugizi w'umuryango;
- Visi-Perezida: Umuvugizi Wungirije;
- Umunyamabanga;
- Umubitsi.

Article 15:

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux associations sans but lucratifs et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix.

En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

Article 16:

L'Assemblée Générale est dotée des pouvoirs ci-après:

- a) Adopter et modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur;
- b) Élire et révoquer les membres du Comité Exécutif et les Commissaires aux comptes;
- c) Déterminer les activités de l'association;
- d) Admettre, suspendre ou exclure un membre;
- e) Approuver les comptes annuels;
- f) Accepter les dons et legs;
- g) Dissoudre l'association.

Section deuxième: Du Comité Exécutif

Article 17:

Le Comité Exécutif est composé :

- du Président: Représentant Légal de l'association;
- du Vice-Président: Représentant Légal Suppléant;
- du Secrétaire;
- du Trésorier.

Article 15:

Except for cases willingly provided for by the law governing non-profit making organizations and the present constitution, the resolutions of the General Assembly shall be valid when adopted by the absolute majority votes. In case of equal votes, the President shall have a casting vote.

Article 16:

The General Assembly has the following powers:

- a) To adopt and modify the constitution and internal rules and regulations;
- b) To appoint and dismiss the Executive Board and the Auditors;
- c) To state on the association's activities;
- d) To admit, suspend or exclude a member;
- e) To approve the yearly accounts;
- f) To accept grants and inheritances;
- g) To dissolve of the association.

Section Two: The Executive Board

Article 17:

The Executive Board is composed of:

- The President: Legal Representative;
- The Vice-President: Deputy Representative;
- The Secretary;
- The Treasurer.

Ingingo ya 18:

Abagize Komite Nyobozi baatorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri ku bwiganze busesuye. Manda yabo imara imyaka itanu ishobora kongerwa.

Ingingo ya 19:

Komite Nyobozi iterana igihe cyose bibaye ngombwa, aariko byanze bikunze rimwe mu gihembwe, ihamagaze kandi iyobowe na Perezida, yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida. Iterana mu buryo bwemewe iyo hari bitatu bya kane (3/4) by'abayigize. Ibyemezo bifatwa ku bwiganze busanzwe. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Ingingo ya 20:

Komite Nyobozi ishinze:

- Gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;
- Kwita ku micungire ya buri muni y'umuryango;
- Gukora raporo y'ibyakozwe mu mwaka urambye;
- Gutegura ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;
- Gushyikiriza Inteko Rusange ingengo z'amategeko n'amabwiriza ngengamikorere zigomba guhindurwa;
- Gutegura inama z'Inteko Rusange;
- Gushakisha inkunga y'amafaranga mu

Article 18:

Les membres du Comité Exécutif sont élus parmi les membres effectifs par l'Assemblée Générale à la majorité absolue pour un mandat de cinq ans renouvelable.

Article 19:

Le Comité Exécutif se réunit autant de fois que de besoin, mais obligatoirement une fois par trimestre, sur convocation et sous la direction de son Président, ou à défaut, du Vice Président.

Il siège valablement lorsque les trois quarts (3/4) des membres sont présents. Ses décisions sont prises à la majorité simple de voix. En cas de parité, de voix, celle du Président compte double.

Article 20 :

Le Comité Exécutif est chargé de :

- Exécuter les décisions et les recommandations de l'Assemblée Générale;
- S'occuper de la gestion quotidienne de l'association;
- Rédiger le rapport annuel d'activité de l'exercice écoulé;
- Élaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale;
- Proposer à l'Assemblée Générale les modifications aux statuts et au règlement d'ordre intérieur;
- Préparer les sessions de l'Assemblée Générale;
- Négocier les financements avec les

Article 18:

The Executive shall be elected among the duly registered members by the General Assembly upon the absolute majority votes for a five years renewable term.

Article 19:

The Executive Board shall meet as often as necessary, but obligatorily once in three months. It shall be convened by the President or in case of absence, by the Vice-President.

It shall legally meet when the three fourth (3/4) of the members are present. Its resolutions shall be valid when voted by simple majority. In case of equal votes, the President shall have a casting vote.

Article 20:

The Executive Board has the following duties:

- To execute the decisions and recommendations of the General Assembly;
- To deal with the day to day management of the association;
- To elaborate annual reports of activities;
- To elaborate budget provisions to submit to the approval of the General Assembly;
- To propose to the General Assembly all the amendments to the constitution and the internal rules and regulations;
- To prepare the sessions of the General Assembly;
- To negotiate funds with partners;

bagiraneza;
-gushaka, gushyira no gusezerera abakozi.

Igice cya gatatu: Ubugenzuzi bw'imari

Ingingo ya 21:

Inteko Rusange ishahiraho buri mwaka Abagenzuzi b'imari babiri bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo y'umurango no kubikorera raporo. Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'innyandiko by'ibaruramari by'umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko.

UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE UMUTUNGO

Ingingo ya 22:

Umuryango ushobora gutira cyangwa gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugirango ugere ku ntego zawo.

Ingingo ya 23:

Umutungo w'umuryango ukomoka ku misanzu y'abanyamuryango, impano, imiragae, imfashsnyo zinyuranye n'umusaruro ukomoka ku bikorwa by'umuryango.

Ingingo ya 24:

Umuryango ugenera umutungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo

partenaires;
-Recruter, nommer et révoquer le personnel.

Section troisième: Du Commissariat aux comptes

Article 21:

L'Assemblée Générale nomme actuellement deux commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et patrimoines de l'association et lui en faire rapport. Ils ont l'accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'association.

CHAPITRE IV : DU PATRIMOINE

Article 22 :

L'association peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ces objectifs.

Article 23 :

Les ressources de l'Association proviennent des contributions des membres, des dons, des legs, des subventions diverses et des revenus générés par les activités de l'association.

Article 24 :

L'Association affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la

-To recruit, appoint and dismiss the staff.

Section Three: The Auditing Committee

Article 21:

The General Assembly shall appoint annually two Auditors committed to control at any time the management of financial accounts and other properties of the association and give report. They have access, without carrying them away, to the books and accounting documents of the association.

CHAPTER IV: THE ASSETS

Article 22:

The association may hire or own movable properties and real estates needed to achieve its objectives.

Article 23:

The assets come from the contributions of the members, donations, legacies, various subsidies and revenues generated by the activities of the association.

Article 24:

The association shall allocate its assets to all that can directly or indirectly contribute to the

ku buryo buziguye cyangwa butaziguye. Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire icyo asaba igihe aseze ku bushake, iyo yirukanywe cyangw iyo umuryango usheshwe.

Ingingo ya 25:

Igihe umuryango usheshwe, hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango nyarwanda bihuje intego.

UMUTWE WA V: IHINDURWA RY'AMATEGEKO N' ISESWA RY'UMURYANGO

Ingingo ya 26:

Aya mategeko ashobora guhinduka byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 27:

Byemejwe ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi, Inteko Rusange ishobora gusesa umuryango.

réalisation de ses objectifs. Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire, d'exclusion ou de dissolution de l'association.

Article 25:

En cas de dissolution, après inventaire des biens meubles et immeubles et apurement passif, l'actif du patrimoine est cédé à une association rwandaise poursuivant des objectifs similaires.

CHAPITRE V: DES MODIFICATIONS AUX STATUTS ET DE LA DISSOLUTION DE L'ASSOCIATION.

Article 26:

Les présents statuts peuvent faire objet de modifications sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité absolue des voix, soit sur proposition du Comité Exécutif, soit à la demande du tiers (1/3) des membres effectifs.

Article 27:

L'Assemblée Générale, sur décision de la majorité de deux tiers (2/3) de voix, peut prononcer la dissolution de l'association.

achieve its objectives. No member shall have the right to own it or claim any share in case of voluntary resignation, expulsion or dissolution of the association.

Article 25:

In case of dissolution, after inventory of movable and immovable properties and payment of debts, the remaining assets shall be transferred to a Rwandan organization pursuing similar objectives.

CHAPTER V: AMENDMENTS OF THE CONSTITUTION AND DISSOLUTION OF THE ASSOCIATION

Article 26:

The present constitution may be amended by the General Assembly upon absolute majority votes, upon proposal from the Executive Board or upon request from the third (1/3) of the duly registered members.

Article 27:

Upon decision of the two third (2/3) majority votes, the General Assembly may dissolve the association.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 28:

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe nayo bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza ngengamikorere y'umuryango yemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 29:

Aya mategeko yemejwe kandi ashyizweho umukono n'abashinze umuryango bari ku ilisiti iyometseho

Bikorewe i Kigali, kuwa 18/04/2007.

(sé)

Dr. MUKIZA NTEZIMANA Jonas
Umuvugizi w'umuryango

(sé)

NYIRAMANYANA Dorcas
Umuvugizi Wungirije

**CHAPITRE VI: DES DISPOSITIONS
FINALES**

Article 28:

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'association adopté par l'Assemblée Générale.

Article 29:

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres fondateurs de l'association dont la liste est en annexe.

Fait à Kigali, le 18/04/2007.

(sé)

Dr. MUKIZA NTEZIMANA Jonas
Représentant Légal

(sé)

NYIRAMANYANA Dorcas
Représentante Légale Suppléante

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 28:

The modalities of implementing the present constitution and any lacking provisions shall be determined in the internal rules and regulations of the association adopted by the General Assembly.

Article 29:

The present constitution is hereby approved and adopted by the founder members of the association whose list is hereafter attached.

Done in Kigali, on 18/04/2007.

(sé)

Dr. MUKIZA NTEZIMANA Jonas
Legal Representative

(sé)

NYIRAMANYANA Dorcas
Deputy Legal Representative

ITEKA RYA MINISITIRI N°57/08.11 RYO KUWA 22/06/2010 RYEMERA IHINDURWA RY'AMATEGEKO AGENGA UMURYANGO «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A)»

MINISTERIAL ORDER N°57/08.11 OF 22/06/2010 APPROVING MODIFICATIONS MADE TO THE STATUTES OF THE ASSOCIATION «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A)»

ARRETE MINISTERIEL N°57/08.11 DU 22/06/2010 PORTANT APPROBATION DES MODIFICATIONS APORTEES AUX STATUTS DE L' ASSOCIATION «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A)»

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Kwemera ihindurwa ry' Amategeko agenga umuryango

Article One : Approval of modifications made to the Legal Statutes

Article premier: Approbation de modifications des statuts

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry' ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing provision

Article 2 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 3 : Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°57/08.11 RYO KUWA 22/06/2010 RYEMERA IHINDURWA RY'AMATEGEKO AGENGA UMURYANGO «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A) »

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 12, iya 14, iya 20 n'ya 22;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 118/11 ryo kuwa 03/09/2008 ryemera ihindurwa ry'amategeko agenga UMURYANGO «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A) »

MINISTERIAL ORDER N°57/08.11 OF 22/06/2010 APPROVING MODIFICATIONS MADE TO THE STATUTES OF THE ASSOCIATION «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A) »

The Minister of Justice/ Attorney General,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations especially in Articles 12, 14, 20 and 22;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Having reviewed the Ministerial Order n° 118/11 of 03/09/2008 approving alterations made to the statutes of the Association «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A) »

ARRETE MINISTERIEL N°57/08.11 DU 22/06/2010 PORTANT APPROBATION DES MODIFICATIONS APORTEES AUX STATUTS DE L' ASSOCIATION «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A) »

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Vu la Loi n° 20 /2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 12, 14,20 et 22 ;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 118/11 du 03/09/2008 portant approbations apportées aux Statuts de l'association «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A) »

Abisabwe n'Umuvugizi w'umuryango «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A)» mu rwandiko rwakiriwe kuwa 01/06/2009;

On request lodged by the Legal Representative of the Association «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A)» on 01/06/2009;

Sur requête de Représentant Légal de l'association «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A)» reçue le 01/06/2009;

ATEGETSE :

HEREBY ORDERS

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Kwemera ihindurwa ry' amategeko agenga umuryango

Article One: Approval of modifications made to the Legal statutes

Article premier: Approbation de modification des statuts

Icyemezo cyafashwe n'abagize ubwiganze bw'abanyamuryango b'umuryango H.A.D.P.F.A kuwa 19/05/2009 cyo guhindura amategeko agenga umuryango «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A)» kiremewe.

The resolution passed by the majority members of the Association H.A.D.P.F.A, on 19/05/2009, approving the modifications made to the statutes of the Association «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A)» is hereby approved.

Est approuvée la décision de la majorité des membres de H.A.D.P.F.A prise le 19/05/2009 de modifier les statuts de l'association «HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS (H.A.D.P.F.A)»

Ingingo ya 2 : Ivanwaho ry' ingingo zinyuranyije n'iri teka.

Article 2: Repealing provision.

Article 2 : Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 3 : Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3 : Entrée en vigueur

Iri teka ritangirira gukurikizwa ku munsu ritangirijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **22/06/2010**

(se)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru
ya Leta

Kigali, on **22/06/2010**

(se)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/ Attorney General

Kigali, le **22/06/2010**

(se)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

**UMURYANGO H.A.D.P.F.A
ASSOCIATION OF DISABLED
PERSONS FIGHT AIDS H.A.D.P.F.A**

AMATEGEKO SHINGIRO

**UMUTWE WA MBERE 1 :
IZINA, ICYICARO, IGIHE
UMURYANGO UZAMARA
N'INTEGO ZAWO**

Ingingo ya 1 :

Hakurikijwe Itegeko N° 20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 rigenga imiryango idaharanira inyungu, hashinzwe umiryango udaharanira inyungu witwa « HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS » (H.A.D.P.F.A).

Ingingo ya 2:

Ikicaro cy'umuryango kiri i Nsinda mu Murenge wa Muhazi, Akarere ka Rwamagana, Intara y'Iburasirazuba muri Repuburika y'u Rwanda. Umuryango ushobora gukorera mu karere ako ariko kose ka Repuburika.

**ORGANIZATION
HAGURUKA ASSOCIATION OF
DISABLED PERSONS FIGHT AIDS
H.A.D.P.F.A**

CONSTITUTION

CHAPTER ONE

**NAME, ADDRESS, AND
OBJECTIVES OF THE
ASSOCIATION**

Article 1:

In accordance with the laws governing non profit making organization N° 20/2000 of 26th July 2000 a non profit making organization to be known as "HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS" (H.A.D.P.F.A).

Article 2:

The headquarters of the Association shall be situated in Nsinda, Muhazi Sector, Rwamagana District, Eastern Region in Republic of Rwanda. Association it may however be transferred elsewhere within the.

**L'ORGANISATION
HAGURUKA ASSOCIATION OF
DISABLED PERSONS FIGHT AIDS
H.A.D.P.F.A**

CONSTITUTION

CHAPITRE I

**LE NOM, LE SIEGE ET LES
OBJECTIFS DE L'ASSOCIATION**

Article 1 :

Compte tenu de l'arrête N° 20/2000 du 26 Juillet 2000, nous créons une association sans but lucratif nommée « HAGURUKA ASSOCIATION OF DISABLED PERSONS FIGHT AIDS » (H.A.D.P.F.A).

Article 2 :

Le siège de l'association sera à Nsinda, Secteur Muhazi, District Rwamagana, Province de l'Est en République Rwandaise. Ce siège peut être transféré partout ailleurs dans le pays.

y'u Rwanda byemejwe n'inteko rusange.

Ingingo ya 3:

Umuryango uzamara igihe kitazwi

Ingingo ya 4

Umuryango uzakorera muri Repuburika y'u Rwanda

**Ingingo ya 5:
Intego**

- Gutangiza ibigo by'amashuri byo kwigisha abana b'inzererezi bo mu mihanda imirimo y'amaboko no kubaha ubundi bumenyi buhanitse muri college n'andi mashuri mu Rwanda.

- Gukora ubuvugizi ku banyeshuri bakeneye kwiga za kaminuza n'amashuri y' ikirenga, ayisumbuye, abanza n'ay'incuke by'umwihariko ku bafite ubumuga butandukanye.

- Gushinga amashuri uherye ku y' incuke, abanza n'ayisumbuye, ay' ikirenga, ndetse n'abigisha ku giti cyabo
Republic of Rwanda when the general assembly so decides

Article 3:

The association will continue to exist for an identified period of time.

Article 4:

The association will be working in the Republic of Rwanda.

**Article 5:
Objectives**

-To start/set up train the street children to physical by creating vocational technical institute college or schools in Rwanda.

- To do advocacy for students who want to pursue their studies at University – Master's Secondary, primary and Nursery. Particularly on the human body parts of handicapped people.

- To start schools from Nursery, primary, secondary schools, private candidates, university and Master's.
selon la décision de l'assemblée générale.

Article 3 :

La durée de l'association est indéterminée.

Article 4 :

L'association oeuvrera en République Rwandaise.

**Article 5:
Objectifs**

-Fonder les établissements scolaires pour les enfants vagabonds et les former, les donner autre connaissance au collège ou ailleurs au Rwanda.

-Plaider pour les élèves- étudiants qui ont besoin de continuer leurs études maternelles, Primaires, Secondaires, Universitaires même faire la Maîtrise. Particulier aux personnes handicapées.

-Fonder les Ecoles Gardiennes, Primaire, Secondaire, candidats libres, Université, et Maîtrise.

Official Gazette n°33 of 16/08/2010

-Gushyiraho urubuga rw'urubwiruko rw'abanyeshuri n'abatiga bahuriramo bakidagadura: Gushinga ishuri mpuzamahanga ryigisha umupira w'amaguru hamwe n'indi mikino yose muri rusange ku bakobwa n'abahungu mu Rwanda.

-Kwemeza urwego rw' imibereho myiza y'abantu bafite ubumuga ababakomokaho n'abo bakomokaho mu mirire myiza, ubuzima bwiza, uburezi kuri bose kwamagana ihohoterwa n'ivangura rishingiye ku ngingo z'imibiri y'abantu bafite ubumuga butandukanye mu Rwanda.

- Hashingiwe ku bufatanye bwa Politiki ya Leta y'u Rwanda kurwana urugamba rukomeye rwo kurwanya icyorezo cya SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina mu Rwanda; dushinze itorerwa ndangamuko ryo gutangiramo ubutumwa bwamagana SIDA n' izindi ndwara mu bantu bafite ubumuga mu Rwanda.

- Gushinga ikigo cy'ishuri ry'imyuga itandukanye ryongerera ubumenyi abana batashoboye gukomeza mu

-Establish a youth recreation centre for students and non students: To start/ set up international training institute college of football and other games in general for youth girls and boys in Rwanda.

- Confirming the body or level of the social welfare in good feeding – good health, Education. Fight against discrimination based on the human body parts – those with different disabilities in Rwanda.

- In accordance to the Rwandan politics to fight against AIDS. We established/ set up a cultural troop in order to fight against HIV/AIDS and other sexual transmitted diseases to handicapped people in Rwanda.

- To start / set up a technical institute college for children with disabilities where they study from and stay there

-Etablir un centre de loisirs pour des jeunes étudiants et non étudiants : Fonder une école internationale de football et d'autres jeux en général pour les filles et garçons au Rwanda.

-Assurer le bien-être des personnes handicapées leurs Parents et leurs enfants, en matière de nutrition, Santé et Education. Lutter contre l'abus sexuel et la discrimination de toute sorte faite aux personnes handicapées au Rwanda.

-Compte tenu de la politique du Gouvernement Rwandais qui lutte contre le VIH/SIDA et d'autres maladies sexuellement transmissibles, nous mettons sur place une troupe culturelle dont l'objectif est de combattre le VIH/SIDA et d'autres maladies transmissibles au sien des personnes handicapées.

-Mettre sur place un établissement technique pouvant accueillir les enfants qui n'ont pas eu la chance de

mashuri makuru, bakaba mu kigo no gihe cy' ibiruhuko usibye ababa baraharangirije bafite ubumuga n'abafite aho bataha mu biruhuko.

- Kwagura no kunoza imikorere myiza ya photo studio ikubiyemo modeli zose z'amafoto agezweho n'ibindi bijyanye n'icyerekezo 2020.

- Gushyigikira uburezi bw'abana b'impfubyi n'abakene batishoboye badashobora kwirihira amafaranga y'ishuri.

UMUTWE WA KABIRI

ABAGIZE UMURYANGO

Ingingo ya 6:

- Abanyamuryango bawushinze
- Abanyamuryango bemerewe kwinjiramo
- Abanyamuryango b'icyubahiro.

even in holidays except those finished their studies.

-To extend and make better photo studio services including all new fashioned photo modals and so on that matches with vision 2020.

- Supportive educate orphanage children vulnerable the can't afford paying school fees

CHAPTER II

MEMBERS OF THE ASSOCIATION

Article 6:

- Founder members
- Ordinary members
- Honorary members

poursuivre les études secondaires et les maintenir pendant les vacances, hormis les enfants handicapés qui auront terminés leurs études et d'autres qui ont des familles pouvant les entretenir.

-Améliorer et veiller sur la bonne marche de la photo studio avec des différents modèles des photos y compris d'autres nouveautés pouvant nous aider à atteindre 2020.

-Aider l'éducation notamment pour les enfants orphelins et d'autres qui sont vulnérables, incapables de se payer le minerval.

CHAPITRE II

LES MEMBRES DE L'ASSOCIATION

Article 6 :

- Les membres fondateurs
- Les adhérents
- Les membres d'honneur

Umunyamuryango ashobora kuba umuntu ku giti cye cyangwa abishyize hamwe bafite ubuzima gatozi.

Abanyamuryango bawushinze ni abashyize umukono kuri aya mategeko awugenga . Abanyamuryango bawinjiyemo ni abemerewe n'inteko rusange hakurikijwe amategeko y'umwihariko. Abanyamuryango b'icyubahiro ni abita ku mikorere y'umuryango bakawutera inkunga mu bikorwa no mu bitekerezo baremerwa n'inteko rusange.

Ingingo ya 7 :

Abashinze umuryango
N'abawinjiyemo nibo banyamuryango Nyakuri.

Ingingo ya 8:

Buri munyamuryango nyakuri afite ijwi mu nteko rusange y'umuryango.

A member may be a natural person or a legal person. The founder members are those who have signed the memorandum of association.

The ordinary members are those who will join the association after applying for membership and securing the acceptance of the general assembly. Honorary members are those members who support the activities of the Association of the association both morally and materially. They shall be accorded the status by the general assembly.

Article 7:

The founders and ordinary members shall constitute the effective membership of the association.

Article 8:

All members of the association save the honorary ones have equal votes in the general assembly.

Un membre peut être la personne elle-même ou bien les associés d'une façon légitime .Les membres fondateurs ce sont ceux qui ont apposé leurs signature sur le statut régissant cette association. Les adhérents ce sont ceux qui rejoindront cette association après que leur demande soit approuvée par l'assemblée générale.

Les membres d'honneur ce sont ceux qui assistent les activités de notre association à la fois normalement que matériellement.

Article 7 :

Les membres fondateurs et les adhérents sont les vrais membres de cette association.

Article 8 :

Tous les membres ont le même droit de vote dans l'assemblée générale.

Ingingo ya 9:

Ushaka kwinjira mu muryango yandikira Perezida w'inama y'ubutegetsi, uyu nawe akabishyikiriza inteko rusange arinayo ifata icyemezo.

Ingingo ya 10:

Gusezererwa mu muryango byemezwa na 2/3 by'abagize inteko rusange.

- a) Kutubahiriza amategeko n'amabwiriza y'umuryango.
- b) Gusebya umuryango;
